## UKO IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI KIBARWA

| # | INGANO Y'UBUTAKA | IGISHORO | IKIGUZI CY' UBWISHINGIZI | AMAFARANGA YOSE YISHYURWA (100%) | AMAFARANGA YISHYURWA NA LETA (40%) | AMAFARANGA YISHYURWA N'UMUHINZI (60%) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **IBIGORI BIRIBWA** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1 ha) | 630,450 | 8.25% | 52,012 | 20,805 | **31,207** |
| 2 | KURI ARE IMWE (1 Are) | 6,304.5 | 8.25% | 520.12 | 208 | **312** |
| **GUTUBURA IMBUTO Z'IBIGORI** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1 ha) | 1,316,700 | 7% | 92,169 | 36,868 | **55,301** |
| 2 | ARE IMWE (1 Are) | 13,167 | 7% | 932 | 373 | **559** |
| **UMUCERI** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1 ha) | 725,000 | 7.08 % | 51,330 | 20,532 | **30,798** |
| 2 | ARE IMWE ( 1 Are) | 7,250 | 7.08% | 513 | 205 | **308** |
| **IBIRAYI** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1 Ha) | 2,418,800 | 8% | 193,504 | 77,402 | **116,102** |
| 2 | ARI IMWE (1 ARE) | 24,288 | 8% | 1,943 | 777 | **1,166** |
| **GUTUBURA IMBUTO Z'IBIRAYI** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1HA) | 4,799,700 | 8% | 383,976 | 153,590 | **23,0386** |
| 2 | ARE IMWE ( 1 ARE ) | 47,997 | 8% | 3,839.80 | 1,535.90 | **2,303.90** |
| **URUSENDA** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (Ha) | 2,151,500 | 8% | 172,120 | 68,848 | **103,272** |
| 2 | ARE IMWE (1 ARE) | 21,515 | 8% | 1,721 | 688 | **1,033** |
| **IMITEJA** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1 Ha) | 2,018,250 | 8% | 161,460 | 64,584 | **96,876** |
| 2 | ARE IMWE (1 ARE) | 20,182.50 | 8% | 1,615 | 646 | **969** |
| **IBISHYIMBO BIDASHINGIRIRWA** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (Ha) | 397,980 | 8% | 31,838 | 12,735 | **19,103** |
| 2 | ARE IMWE (1 ARE) | 3,980 | 8% | 318 | 127 | **191** |
| **IBISHYIMBO BISHINGIRIRWA** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1 Ha) | 659,280 | 8% | 52,742 | 21,097 | **31,645** |
| 2 | ARE IMWE (1 ARE) | 6,593 | 8% | 527 | 211 | **316** |
| **IMYUMBATI** | | | | | | |
| 1 | HAGITARI IMWE (1 Ha) | 544,000 | 8% | 43,520 | 17,408 | **26,112** |
| 2 | HAGITARI IMWE (1 ARE ) | 5,440 | 8% | 435 | 174 | **261** |
| **SOYA** | | | | | | |
| 1 | HEGITARI IMWE (1HA) | 438,400 | 8% | 35,072 | 14,029 | **21,043** |
| 2 | ARE IMWE ( 1 ARE ) | 4,384 | 8% | 351 | 140 | **210** |

## UKO UMUHINZI AMENYEKANISHA IGIHOMBO N'UBURYO BWO KWISHYURA

Iyo umuhinzi agize igihombo cg agahura n'icyaricyo cyose gishobora gutera igihombo yihutira kubimenyesha abakozi ba BK Insurance ndetse n'ubuyobozi bw'umurenge ahingamo. Nyuma yo gupima igihombo cyabayeho, BK Insurance yishyura umuhinzi igishoro yashinganishije mu gihe kitarenze iminsi 15.

# BK INSURANCE, UMWISHINGIZI WIZEWE




KN 3 Ave Kigali, Rwanda
(+250) 788 177 400
(+250) 788 384 099
bkinsurance@bk.r w
bkinsurance.rw
@bkinsuranceltd

BK Insurance
Safeguarding Your Wealth





# GAHUNDA Y'UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA NA SOSIYETE Y'UBWISHINGIZI YA BANK YA KIGALI



*"Tekana Urishingiwe Muhinzi-Mworozi" na BK INSURANCE*





## IBIRANGA GAHUNDA Y'UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA

- Irizewe cyane kuko ishyirwa mu bikorwa na MINAGRI ifatanyije n'ibigo by'ubwishingizi.
- Yishingira ibihingwa by'umuceri, ibigori, ibirayi, urusenda , imiteja, soya, ibishyimbo n'Imyumbati
- Yishingira igishoro umuhinzi yashoye mu buhinzi bwe, kuva mu gutegura umurima kugeza umuhinzi yejeje imyaka ye
- Yishyura ibihombo bituma umuhinzi atabona umusaruro yarategereje biturutse ku ngaruka z'imihindagurikire y'ikirere, indwara n'udukoko birwanywa ntibikire.
- Iyi gahunda ifite nkunganire ya Leta ingana na 40% by'ikiguzi cy'ubwishingizi, umuhinzi yishyura 60% by'ikiguzi cy'ubwishingizi.

## IBIRANGA BK INSURANCE

BK Insurance ibarizwa bu bigo bigize umuryango mugari wa Banki ya Kigali, Ikaba yaratangiye gukora ubwishingizi muri 2016. BK Insurance ifite intumbero yo kugeza kuri buri muturarwanda wese serivisi inoze kandi yihuse ikoresheje ikoranabuhanga kugirango buriwese abashe kugira umutekano urambye w'imitungo n'ibikorwa bye, yo nzira y'iterambere rirambye.

Guhanga udushya mugusubiza ibyifuzo by'abayigana, niyo ntego nyamukuru ya BK INSURANCE

## UMWIHARIKO W' UMURYANGO WA BANKI YA KIGALI

- Dutanga ubwishingizi bw'ibihingwa ku bihingwa byunganiwe na leta ndetse n'ibihingwa bitunganiwe na leta
- Dutanga ubwishingizi bw'amatungo yaba ayunganiwe ndetse n'atunganiwe na leta
- Dutanga inguzanyo z'ubuhinzi ku makoperative n'abahinzi ku giti cyabo
- Duflte amashami mu gihugu no muri buri karere bituma serivisi zacu zihuta
- Dufite abakozi kuva ku rwego rw'igihugu kugeza ku rwego rw'umurenge
- Dutanga ubujyanama ku bijyanye no guhinga kinyamwuga
- Dufasha abafatanyabikorwa bacu kuzigama binyuze muri gahunda ya Aguka Fund
- Dufite gahunda ya SMART Nkunganire ifasha abahinzi kubona inyongeramusaruro
- Dukorana na Agro Dealers bakorera mu gihugu hose

## NI AKAHE KAMARO K'UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA?

- Bugoboka abahinzi hishyurwa ibihombo bahura nabyo bitateganyijwe.
- Bufasha abahinzi kubona inguzanyo mu bigo by'imari zibafasha kongera ibishoro bakoresha mu buhinzi bwabo no guhinga kinyamwuga.
- Butanga umutekano w'ishoramari rikorwa mu buhinzi.
- Bufasha mu Kuzamura umusaruro wo mu buhinzi hagamijwe kwihaza mu biribwa

## NI NDE UHABWA UBU BWISHINGIZI?

Ubu bwishingizi buhabwa abahinzi ku giti cyabo, amatsinda, amakoperative n'ibigo bihinga kinyamwuga mu turere twose tw'igihugu.

## IBYISHINGIRWA

Muri ubu bwishingizi hishingirwa ibihombo bitateganyijwe bitewe na: Imyuzure, imvura nyinshi, izuba ryinshi, urubura, umuyaga, isuri n'inkangu, indwara n'ibyonnyi byarwanyijwe ntibikire, inkongi y'umuriro

## IBITISHINGIRWA

Muri iyi gahunda y'ubwishingizi igihombo cyatewe n'ibi bikurikira nticyishyurwa: imirimo yo mu buhinzi itakozwe n'itakozwe neza, ubujura, konerwa n'inyoni ndetse n'izindi nyamaswa, gutinda gusarura, ibihimbo bituruka ku mbuto mbi ( izangiritse, izitemewe gukoreshwa, n' izahinzwe mu gace zitagenewe)



## NI GUTE UMUHINZI ABONA UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA BYE?

Umuhinzi ukeneye ubwishingizi bwa sosiyete y'Ubwishingizi ya Bank ya Kigali, agana amashami ya BK ari mugihugu hose, yakwegera umukozi Ushinzwe ubuhinzi mu murenge ahingamo akamufasha cg agahamagara telephone: **0788384099**

## NI GUTE UMUHINZI YISHYURA UBWISHINGIZI MURI BK INSURANCE ?

Nyuma yo kumvikana hagati y'umuhinzi na BK Insurance ku buryo bw'imikoranire n'ikiguzi cy'ubwishingizi, umuhinzi yishyura 60 % y'ikiguzi cy'ubwishingizi, agahabwa amasezerano agaragaza ko yafashe ubwishingizi, leta ikazamwishyurira 40%

## IBARWA RY'AGACIRO K'IBYISHINGIRWA

Umubare w'amafaranga yishingirwa kuri buri gihingwa ubarwa uhereye ku gaciro k'ibikoreshwa byose kugirango umusaruro ugerweho (amafaranga yose y'igishoro). By'agahebuzo, igishoro kiba kigizwe n'amafaranga akoreshwa kuva mu gutegura umurima kugeza umuhinzi yejeje. (urugero: Abakozi, imbuto, imiti, ifumbire) n'indi mirimo nko kurwanya isuri, umutekano w'imirima n'ibindi.

